Updated September 2026 - “Kinyarwanda”

Menya uburenganzira bwawe: Impinduka muri Medicaid n'igihe zizatangirira

Ubwishingizi bw'ubuvuzi ku miryango y'abimukira muri New Mexico

Imiterere y'uburenganzira bwawe bwo kuba muri Amerika ishobora kugira ingaruka kuri gahunda z'ubwishingizi bw'ubuvuzi ushobora gusabamo. Ariko, hari uburyo butandukanye bwo kubona ubwishingizi bitewe n'imiterere y'umuryango wawe. Kwemererwa nanone bijyana n'ibindi, birimo ubushobozi, imyaka yawe, niba utwite, aho utuye, n'ubundi bwishingizi ushobora kuba ufite.

Icyitonderwa cy'ingenzi: Umuntu ashobora gusabira ubwishingizi abo mu muryango wawe bujuje ibisabwa, utisabiye wowe ubwawe. Abantu batarebwa no gusaba ubwishingizi si ngombwa ko batanga nimero ya Social Security cyangwa amakuru ajyanye n'ibyangombwa bwabo bwo kuba muri Amerika

Dore incamake ya gahunda z'ubwishingizi ushobora kwemererwa, bitewe n'imiterere yawe. Ku bindi byinshi bijyanye n'uburenganzira, ubufasha n'ibyakurengera sura nmtogether4health.org.

SCAN ME

Medicaid

Medicaid ni gahunda y'ubwishingizi bw'ubuvuzi itanga serivisi zitandukanye ku bantu bafite amikoro make, harimo abana, abagore batwite, abantu bageze mu zabukuru, n'abafite ubumuga. Abimukira bamwe bari muri Amerika mu buryo bwemewe n'amategeko bashobora kwemererwa Medicaid, iyo bujuje ibisabwa birimo ingano y'amafaranga binjiza n'aho batuye.

Guhera ku ya 1 Ukwakira 2026, guverinoma ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika izagabanya ibyiciro by'abimukira bari muri Amerika mu buryo bwemewe n'amategeko bashobora kwemererwa Medicaid. Ibyiciro bizakomeza kwemererwa birimo:

- Abafite uburenganzira bwo gutura burundu muri Amerika (Green Card)
- Abimukira baturutse muri Cuba cyangwa Haiti bemerewe kwinjira muri Amerika mu cyiciro cyihariye.
- Abimukira baturuka mu bihugu byo mu masezerano ya COFA
- Abana bari munsi y'imyaka 21 batuye muri Amerika mu buryo bwemewe n'amategeko
- Abagore batwite batuye muri Amerika mu buryo bwemewe n'amategeko

Icyitonderwa: Niba imiterere y'uburenganzira bwawe bwo kuba muri Amerika itari mu byiciro byavuzwe haruguru kandi ukaba ufite Medicaid, Urwego rushinzwe ubuzima muri New Mexico (HCA) ruzakumenyesha binyuze mu ibaruwa cyangwa ubutumwa bugufi kuri telefoni ko ubwishingizi bwawe buri guhagarikwa.Uzahabwa kandi amakuru ku buryo ushobora gusaba ubwishingizi binyuze muri BeWell, isoko ry'ubwishingizi bw'ubuzima muri New Mexico.

Komeza ukurikiranire hafi amakuru ku masoko yose kugira ngo utazacikwa n'ubutumwa bukomeye bujyanye n'ubwishingizi bwawe.

Updated September 2026

Menya uburenganzira bwawe: Impinduka muri Medicaid n'igihe zizatangirira

BeWell: Isoko ry'ubwishingizi bw'ubuzima

BeWell ni urubuga rwa New Mexico rufasha abantu kubona no kwiyandikisha mu bwishingizi bw'ubuzima bwigenga.Rugenewe abantu batemerewe Medicaid cyangwa Medicare kandi badafite ubwishingizi buhendutse butangwa n'umukoresha wabo.

Abimukira benshi bari muri Amerika mu buryo bwemewe n'amategeko hamwe n'imiryango yabo bashobora kubona ubufasha bw'amafaranga bugabanya ikiguzi cy'ubwishingizi, bitewe n'amafaranga binjiza.

Ubusanzwe, ushobora kwiyandikisha muri BeWell mu bihe byabugenewe gusa, keretse habaye impinduka ikomeye mu buzima bwawe, nko: Kubyara umwana. Gushyingirwa cyangwa gutandukana n'uwo mwashakanye. Gutakaza ubundi bwishingizi bw'ubuvuzi.

Abatuye muri New Mexico benshi bashobora kubona ubwishingizi buhendutse munsi ya

$50 buri kwezi.

Hari n'abemerewe ubwishingizi badafite amafaranga ya **buri kwezi yo kwishyura (monthly premiums ya $0).**

Ubufasha bushya ku bimukira bazatakaza Medicaid: New Mexico irimo kwagura ubufasha bw'amafaranga butangwa binyuze muri BeWell, kugira ngo ifashe abantu kubona ubwishingizi buhendutse nyuma yo kutazongera kwemererwa Medicaid kubera impinduka za guverinoma ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika.

- **Impunzi (Refugees).**
- **Abahawe ubuhungiro muri Amerika (Asylees).**
- **Abacitse ku icumu ry'ihohoterwa rikorerwa mu ngo cyangwa icuruzwa ry'abantu.**
- **Abahawe uburenganzira bw'agateganyo bwo kwinjira muri Amerika kubera impamvu z'ubutabazi (Humanitarian parolees).**

Aba bantu bagomba guhabwa ubutumwa na HCA na BeWell bubasobanurira uko biyandikisha muri BeWell. **Itariki y'ingenzi: 1 Ugushyingo 2026.Saba ubwishingizi binyuze muri BeWell bitarenze ku ya 1 Ugushyingo 2026, kugira ngo wirinde igihe ushobora kumara udafite ubwishingizi kandi ushobore kwandikwa mu bwishingizi bwa 2027 mu buryo bwikora, nk'uko iyi nyandiko ibisobanura.**

Gahunda y'ubwishingizi ku bantu bafite DACA

Kubera ibikorwa bya guverinoma ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika, abantu bafite DACA ntibagishobora kugura ubwishingizi binyuze muri BeWell. Abafite DACA nanine ntibemerewe Medicaid. New Mexico yashyizeho gahunda yihariye itanga ubufasha bw'amafaranga ku bafite DACA kugira ngo bashobore kugura ubwishingizi bw'ubuzima.

Kugira ngo umuntu yemererwe iyi gahunda, agomba:

- Kuba atuye muri New Mexico
- Kuba afite DACA
- Kuba udafunzwe.
- Kuba adafite ubundi buryo bwo kubona ubwishingizi, urugero nk'ubwishingizi butangwa n'umukoresha.
- Kuba amafaranga yinjira mu rugo rwe atarenze 400% by'urwego rwa Leta rugena ubukene (Federal Poverty Level).

Umubare w'abazemererwa iyi gahunda ni muto. Amakuru arambuye kuri: https://www.hca.nm.gov/daca-coverage/.

Ubuvuzi bwihutirwa ku bimukira batari abaturage ba Amerika (EMSNC)

EMSNC, mbere yitwaga EMSA, ni gahunda ifasha abimukira batemerewe Medicaid kubera imiterere y'uburenganzira bwabo bwo kuba muri Amerika.Iyi gahunda yishyura serivisi z'ubuvuzi bwihutirwa, harimo serivisi zijyanye no kubyara. **Ushobora kuba wemerewe iyi gahunda niba usubiza yego kuri ibi bibazo:**

- Waba warahawe serivisi z'ubuvuzi bwihutirwa mu minsi 90 ishize?
- Waba utabasha kwemererwa Medicaid kubera imiterere y'uburenganzira bwawe bwo kuba muri Amerika?
- Waba uba muri New Mexico?

Ohereza ubusabe bw'ubwishingizi bw'ubuzima ku Ishami rishinzwe ubufasha bw'amafaranga (Income Support Division, ISD) mu gihe kitarenze iminsi 90 uhereye igihe wahawe serivisi z'ubuvuzi.

Ufite ibibazo? Hamagara 505-255-2840 cyangwa usure nanone nmtogether4health.org yi nyandiko yateguwe ku bufatanye n'Ikigo cya New Mexico gishinzwe amategeko n'ubukene (New Mexico Center on Law and Poverty).